
Rwanda Education Board

# Ndate umurezi



Umwe mu mivugo yahize iyindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2017/2018**

Umuvugo wo mu kiciro 2 cya kabiri cyo gusoma

# MUMPE URUBUGA NSOME!



## MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera ugenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

## UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu ruganiriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze…Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

# IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.

- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.

- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.


Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri munsi, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

# Ndate umurezi




Umwe mu mvugo yahize iyindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2017/2018**

NYIRABATWARE Aliveria, yanditse uyu muvugo afite imyaka 12, yiga mu mwaka wa 5 w'amashuri abanza, mu ishuri ry'ababana n'ubumuga bwo kutabona rya Kibeho, Akarere ka Nyaruguru, Intara y'Amajyepfo. Uyu muvugo we, NDATE UMUREZI, ni umwe mu yahize iyindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2017/2018.



Reka nkurate murezi mwiza
Murezi nkesha ibyiza byose.




Murezi undera neza cyane
Nzagushimira igihe cyose.



Nzagushima iteka ryose
Nzakuratira ingeri zose.




Mbabwire ibyiza nge ngukesha
Nuko ushimwe na buri wese.




Ndate nshime umurezi mwiza
Untoza imirimo myiza ikwiye.



Murezi mwiza nshima iteka
Inama zawe nziza untoza.



Nzagukunda iteka ryose
Nzakuratira abatakuzi.



Nzababwira ineza yawe
Bakuririmbe ijoro n'umunsi.



Ubu dufite amatsiko cyane
Yo kumenya iby'ejo hazaza.



Nyuma y'uburere duhabwa
Ari bwo dukesha aya mahirwe.



Bamwe tuzaba turi abaganga
Nurwara tuzakuvura.




Abandi tuzaba ducunga imari
Tukubikira ayo wagwije.



Abandi tuzaba turi abahanzi
Ducuranga indirimbo nziza.



Tuzagushima iteka ryose
Tunakubere aho utari hose.

# Ndate umurezi

Reka nkurate murezi mwiza
Murezi nkesha ibyiza byose.

Murezi undera neza cyane
Nzagushimira igihe cyose.

Nzagushima iteka ryose
Nzakuratira ingeri zose.

Mbabwire ibyiza nge ngukesha
Nuko ushimwe na buri wese.

Ndate nshime umurezi mwiza
Untoza imirimo myiza ikwiye.

Murezi mwiza nshima iteka
Inama zawe nziza untoza.

Nzagukunda iteka ryose
Nzakuratira abatakuzi.

Nzababwira ineza yawe
Bakuririmbe ijoro n'umunsi.

Ubu dufite amatsiko cyane
Yo kumenya iby'ejo hazaza.

Nyuma y'uburere duhabwa
Ari bwo dukesha aya mahirwe.

Bamwe tuzaba turi abaganga
Nurwara tuzakuvura.

Abandi tuzaba ducunga imari
Tukubikira ayo wagwije.

Abandi tuzaba turi abahanzi
Ducuranga indirimbo nziza.

Tuzagushima iteka ryose
Tunakubere aho utari hose.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

USAID
INKUNGA Y'ABANYAMERIKA